# REPUBLIC OF RWANDA

| RDB RWANDA DEVELOPMENT BOARD | OFFICE OF THE REGISTRAR GENERAL | |
|---|---|---|

THE INTELLECTUAL PROPERTY LAW N° 31/2009 of 26/10/2009

Reference is made to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015 especially in article 47.

Reference is made to the **Law N° 28/2016 of 22/7/2016 on the preservation of cultural heritage and traditional knowledge,** especially in article 2 para 6, article 18 and article 19.

| | |
|---|---|
| 1. COPYRIGHT NUMBER | **RW/C/2023/39** |
| 2. GROUP | Traditional artistic genius and craftsmanship derived from Culture Heritage of Rwanda |
| 3. SUB GROUP | NATIONAL INVENTORY OF INTANGIBLE CULTURAL HERITAGE OF RWANDA |
| 4. TITLE OF WORK | AGASEKE |
| 5. NAME AND ADDRESS OF OWNER | MINISTRY of YOUTH and CULTURE<br>P.O BOX:6369 KIGALI, Rwanda |
| 6. NAME AND ADDRESS OF REPRESENTATIVE | Hon. Rosemary Mbabazi<br>Kigali |
| 7. SHORT DESCRIPTION OF WORK | Since ancient times, Rwandans have in their heritage the knowledge of weaving household items. A basket is one of the most important and valuable tools in Rwandan culture. It is a unique technique based on the materials used and the method of weaving them. A beautiful *Agaseke* basket is adorned with different Rwandan ornaments. In the Rwandan family, *Agaseke* is used to store valuables: matches, the householder's tobacco jar, beads, etc. During a wedding ceremony, the bride wore some of the items in the Agaseke. For girls, the *Agaseke* was a symbol of virginity; this is why the bride makes the *Agaseke* herself, which she gives as a gift for the mother-in-law. For the family it is a symbol of secrecy and friendship; for the country it is a symbol of fertility and peace. |
| 8. FILING DATE | 16/03/2023 |

Dated this **20th day of March, 2023**

The Office of Registrar General certify that "Agaseke" inventoried by the Ministry having culture in his attributions is protected and declared by the State as a National Intangible Cultural Heritage.

*KAYIBANDA Richard*

*Registrar General*

## N⁰ 5 AGASEKE

**Icyiciro umurage urimo**:

Agaseke ni ikimenyetso cy'umurage ndangamuco udafatika w'Abanyarwanda wo mu cyiciro cy'ubumenyi-ngiro bushingiye ku bugeni gakondo *(traditional craftsmanship)* hakurikijwe ibyiciro bigenwa n'Amasezerano Mpuzamahaga y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco (UNESCO) y'i Paris mu Bufaransa yo ku wa 17 Ukwakira 2003 yo kubungabunga umurage ndangamuco udafatika. U Rwanda rwemeje burundu aya masezerano mu Iteka rya Perezida N°53/01 ryo ku wa 02/11/2012 ryemeza burundu amasezerano yo kubungabunga umurage ndangamuco udafatika yashyiriweho umukono i Paris mu Bufaransa kuwa 17 Ukwakira 2003, ruyashyiraho umukono ku itariki ya 21 Mutarama 2013.

Hashingiwe ku Itegeko N⁰ 28/2016 ryo ku wa 22/7/2016 rigena ibungabungwa ry'umurage ndangamuco n'ubumenyi gakondo, by'umwihariko mu ngingo ya 19 igena ibishingirwaho mu kwandika umurage ndangamuco udafatika, Agaseke ni kimwe mu bimenyetso by'umurage ndangamuco udafatika ugaragaza agaciro ndangamuco gahanitse ku muryango w'Abanyarwanda. Ugaragaza umwimerere n'ubuhanga buhanitse mu bugeni bwo kuboha bwahererekanyijwe hagati y'ibisekuru. Uyu murage ukwiye kurengerwa kugira ngo utazimira cyangwa umwimerere wawo ugatakara kubera ubundi buryo bwo kuboha bwaduka buturutse mu mico y'ahandi ndetse n'ibikoresho bikoreshwa mu buboshyi bikomoka ku bimera bigenda bicika kubera imihindagurikire y'ikirere n'ibikorwa bya muntu. Ikindi kandi hari ibikoresho bikoreshwa mu buboshyi bituruka mu nganda bigenda bikwira hirya no hino ku isi bikica umwimerere w'Agaseke k'i Rwanda. Ibi byanaha urwaho abashobora kukiyitirira kuko ibikoresho bishushe nk'Agaseke biboneka ahandi ku isi ariko tekiniki zo kuboha Agaseke ni umwihariko w'Abanyarwanda.

**Incamake y'amateka ya tekiniki yo kuboha Agaseke**

Ijambo "Agaseke" ni ubuto bw'ijambo "Igiseke". Igiseke bivuga icyibo kinini, kiboshye mu ntamyi no mu ngori, gifite umutemeri utumburutse, kibikwamo cyangwa kigatwarwamo ibintu. Agaseke rero ni ubwoko bw'igiseke gito cyane kiboherwa umurimbo cyangwa kujyamo utuntu duke (IRST & MRAC, 2005).

Kuva kera, Abanyarwanda bafite mu murage wabo ubumenyi bwo kuboha ibikoresho byifashishwa mu muryango. Agaseke ni kamwe mu bikoresho biboshye kandi gafite agaciro gakomeye mu muco w'u Rwanda. Icyakora biragoye kumenya igihe nyacyo ububoshyi bwatangiriye mu Rwanda bitewe n'uko ubushakashatsi bw'amateka ashingiye ku bisigaratongo bwakozwe mu Rwanda budahagije, kandi n'ibisigaratongo bikomoka ku bimera bihaboneka usanga ari bike kandi byarataye umwimerere kubera imiterere y'ubutaka bw'akarere ruherereyemo. Ariko n'ubwo hari izo mbogamizi, ubuhanga buhanitse n'urusobe rw'ibikoresho biboshye biboneka mu Rwanda bituma ntawashidikanya ko ububoshyi buhamaze igihe kirekire (Kanimba & Van Pee, 2009:4; INMR, 2019:3).

Ibikoresho byinshi byo mu Rwanda rwo hambere byari biboshye. Abagore n'abakobwa babohaga ibikoresho binoze (fine art) binyuranye bikoreshwa mu ngo, nk'uduseke, imice,

ibyibo no gutaka insika. Naho abagabo bo bubakaga amazu n'ingo bakaboha n'ibikoresho binini nk'ibitebo inzugi n'ingobyi (Kanimba & Van Pee, 2008:192; Kanimba & Mesas, 2000:2).

Tugarutse ku buboshyi bunoze ni ubugeni bufite umwihariko ushingiye ku bikoresho bibohwa n'uburyo bwo kubiboha banoza. Kera ububoshyi bunoze bwari ubw'abagore n'abakobwa bakomoka mu miryango yifite. Bwahabwaga agaciro ku rwego rumwe n'ubundi buhanzi nserukarubuga burimo imbyino, indirimbo n'ubusizi. Ubu buhanzi bwari bufite umwanya ukomeye ibwami n'ibutware. Kugeza mu myaka y'1950, nibwo bwari buteye imbere ugereranyije n'ubundi buhanzi. Ariko guhera mu myaka ya za 1960, ubuhanzi bunoze bwasakaye no muri rubanda. Icyakora byasabye igihe kirekire kugira ngo abagabo bitabire ubugeni bunoze kuko batangiye kubwitabira mu mpera y'imyaka y'1990.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ububoshyi bw'agaseke kanoze bwafashe indi ntera. Abanyarwanda benshi bitabiriye ubwo buboshyi nk'imwe mu nzira yo kugaruka ku isoko y'umuco gakondo w'Abanyarwanda (recouvrir l'identité culturelle nationale). Uretse ibyo kandi ububoshyi bw'agaseke kanoze bwakungahaje ubukerarugendo bushingiye ku muco mu Rwanda, aho usanga ubu kagurishwa hirya no hino ku isi. Mu bukerarugendo aka gaseke kamenyekanye ku izina ry' "Agaseke k'amahoro" (Kanimba, Ngarukiye, Karangwa & Nsengimana, 2009:40-42).

**Uburyo bwo kuboha agaseke kanoze**

Abanyarwanda baboha agaseke kanoze bakoresheje tekiniki ebyiri arizo *Uruhindu* n'*Inyanja*. Mu kuboha agaseke kanoze k'uruhindu, umuboshyi atangira akora intutumo (ipfundo) akarishyiraho urumamfu agenda azengurutsaho abohesha umutamu kugeza abonye indiba ifite ishusho y'uruziga rushashe. Iyo abonye indiba ifite umurambararo yifuza atera imikarago izamuka, ariko yose ingana n'ikoze indiba, kugeza abonye indeshyo y'agaseke yashakaga. Umukarago wanyuma ariwo witwa umusozo uba ari munini kandi utanaze kugira ngo agaseke gakomere ariko kanagaragare neza (Kanimba & Van Pee, 2009:29).

Mu kuboha agaseke kanoze k'*Inyanja*, umuboshyi akoresha uburyo bwo gusenga, ari byo kubohera ikintu inyuma y'ikindi (iforoma) bakoresheje imitamu idatoboreye, cyakuzura, icy'imbere bakagikuramo. Akenshi, agaseke kanoze k'Inyanja kaba gafite uburebure buri hagati ya santimetero makumyabiri n'eshanu na mirongo itatu n'eshanu (Kanimba & Van Pee, 2008:202).

Mu kuboha agaseke kanoze k'uruhindu kabohwa mu bimera bikurikira: mu rumamfu, intamyi zikomoka ku mfunzo, insasanure zizize amakakama n'imbyiro, intaratara n'ibirere byo gukinga ku mabara. Agaseke k'inyanja ko kabohwa mu buraza, imigwegwe n'ibirere. Muri izi tekiniki zombi, umuboshyi akoresha uruhindu, umushyo, iforoma, urwabya n'amazi.

Agaseke kanoze gaterwa imitako ya Kinyarwanda itandukanye. Ubushakshatsi bwa vuba bwakozwe n'Ikigo cy'Ingoro z' Igihugu z'Umurage w'u Rwanda bwagaragaje ko hari imitako gakondo igera ku ijana na mirongo tatu n'itandatu (136) yifashishwa mu gutaka ibikoresho biboshye mu Rwanda cyane cyane uduseke (INMR, 2019).


RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) REGISTRAR GENERAL

**Akamaro k'agaseke kanoze**

Mu muryango nyarwanda, Agaseke kanoze kabikwamo ibintu by'agaciro bidashyirwa ahabonetse hose: hari nk'imitamirizo, inkono y'itabi ya nyirurugo, amasaro, impigi. Mu mihango y'ubukwe bwa kinyarwanda, umugeni agatwaramo bimwe mu bikoresho atahana. Aka gaseke kandi ku bakobwa ni ikimenyetso cy'ubusugi, ku muryango nyarwanda ni ikimenyetso cy'ibanga n'ubucuti, ku gihugu ni ikimenyetso cy'uburumbuke n'amahoro. Iyi niyo mpamvu umugeni akaboha akaba ariko ahaho impano nyirabukwe; ndetse hari imvugo nyinshi zivugwamo agaseke zerekeza ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda. Ishusho y'agaseke yashyizwe mu kirango cya Repubulika y'u Rwanda (Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015). Ishusho y'agaseke kandi iri ku noti y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi bitanu (5000) nk'uko yatangajwe ku itariki 01/12/2014.

Agaseke kanoze ni umurage ukwiye kurengerwa kugira ngo utazimira cyangwa umwimerere wawo ugatakara kubera ubundi buryo bwo kuboha bwaduka buturutse mu mico y'ahandi ndetse n'ibikoresho bikoreshwa mu buboshyi bikomoka ku bimera bigenda bicika kubera imihindagurikire y'ikirere n'ibikorwa bya muntu. Ikindi kandi hari ibikoresho bikoreshwa mu buboshyi bituruka mu nganda bigenda bikwira hirya no hino ku isi bikica umwimerere w'Agaseke k'i Rwanda. Ibi byakumira kandi abashobora kukiyitirira dore ko ibikoresho bishushe nk'Agaseke biboneka ahandi ku isi ariko tekiniki zo kuboha ukaba umwihariko w'Abanyarwanda.

Muri iki gihe, ahanini uduseke twinshi tuboherwa kugurishwa



*Agaseke mu ngeri zitandukanye (Photo, Nkurunziza Faustin, 2016)*





*Ishusho y'Agaseke ku noti y'amafaranga y'u Rwanda 5000 yashyizweho ku itariki 01/12/2014*

RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) REGISTRAR GENERAL


Ububoshyi bw'Agaseke kandi bukunze kugaragaramo n'ibindi bikoresho ari byo:

*Inkangara:* Iboheshwa ibikoresho bitandukanye birimo ibikomoka ku mugano, insina n'ibindi. Ikoreshwa mu kubika imyenda n'ibindi bikoresho byo mu rugo ndetse no mu bwikorezi bw'ibintu bitandukanye mu muryango.



***Inkangara***
***(Photo, Nkurunziza Faustin, 2016)***


*Inkoko*: Nayo iva mu buboshyi bwifashisha imikaranka, umugusa, umugano n'amase y'inka. Yifashishwaga cyane cyane mu gihe cyo gufata ifunguro nk'isahani y'iki gihe.



***Inkoko***
***(Photo, Nkurunziza Faustin, 2016)***

*Inyegamo:* Iva mu buboshyi bunoze cyane, ikaba ndende. Mu kuyiboha hakoreshwa uburyo bw'umutako witwa Umugago. Inyegamo akenshi ijyaho imitako yitwa Imyambi, Akarizo k'ingwe n'Umusa w'isuka.


RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) REGISTRAR GENERAL



***Inyegamo***

***(Photo, Metropolitan Museum of Art, N.Y., USA)***

*Insika:* Zishyirwa hagati y'inkingi zishyigikira igisenge cy'inzu. Ziboheshwa ibikomoka ku mugano, imbingo n'ibindi, zigashyirwaho umutako ubereye ijisho.



***Insika***
***(Photo, Nkurunziza Faustin, 2016)***

RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) REGISTRAR GENERAL

**UMUGEREKA**

**Ibitabo n'izindi nyandiko byifashishijwe mu bushakashatsi**


1) Arrêté Présidentiel N° 005/01 du 07/02/2019 portant émission d'un nouveau billet de banque de mille francs rwandais (1000 frw) ayant cours légal au Rwanda
2) Bigirumwami Aloys, *Imihango n'imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda*, 1964.
3) D'Heltefelt Marcel & Coupez André, La Royauté sacrée de l'ancien Rwanda. Texte, traduction et commentaire de son rituel, Musée royal de l'Afrique centrale, Tervuren, 1964.
4) Hélène Dumas, «Nkulikiyinka, Jean-Baptiste. – Introduction à la danse rwandaise traditionnelle », Cahiers d'études africaines https://journals.openedition.org/etudesafricaines/5907
5) Institute of National Museums of Rwanda, *Imitako Gakondo*, 2019.
6) IRST & MRAC, Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda no mu Gifaransa, Tervuren, 2005
7) Itegeko No 28/2016 ryo ku wa 22/7/2016 rigena ibungabungwa ry'umurage ndangamuco n'ubumenyi gakondo.
8) Iteka rya Perezida N° 53/01 ryo ku wa 02/11/2012 ryemeza burundu amasezerano yo kubungabunga umurage ndangamuco udafatika yashyiriweho umukono i Paris mu Bufaransa kuwa 17 Ukwakira 2003.
9) Jos Gansemans, les instruments de musique du Rwanda, Musée royal de l'Afrique centrale, Tervuren, 2012
10) Kagame Alexis, Un Abrégé de L'Ethno-Histoire du Rwanda, 1972.
11) Kagame, Alexis, L'histoire des armees bovines dans l'ancien Rwanda, Astrida, 1960.
12) Kanimba Misago Celestin & Van Pee Lode, *Rwanda: Urugo rwa kinyarwanda*, Belgium, 2008.
13) Kanimba Misago Celestin & Van Pee Lode, *Rwanda: Wickerwork*, New Goff, 2009.
14) Les danseurs Intore https://www.petitfute.com/p121-rwanda/decouvrir/d1127-les-danseurs-intore/
15) National Bank of Rwanda, The National Bank of Rwanda releases new series of FRW 500 and FRW 1000 banknotes, Press Release, Kigali, 7 February 2019
16) Ndekezi Sylvestre, *Les métiers traditionnels du Rwanda*, Kigali, 1986.
17) Nkulikiyinka Jean-Baptiste, *Introduction à la danse rwandaise traditionnelle*, Annales Sciences Humaines, Vol.166, Tervuren, 2002.
18) Rutinywa Rugeyo & Van Pee Lode, *Rwanda: Inka mu Rwanda n'ikirari cy'Inyambo*, Graphius Group, Bruxelles, 2017.
19) Rwanda Development Board, Le Guide du tourisme culturel au Rwanda, Kigali, 2015.
20) Simpenzwe Gaspard, Ingoma i Rwanda, 1992.
21) UNESCO, *Basic Texts of the 2003 Convention for the Safeguarding of the Intangible Cultural Heritage*, 2016 Edition, Paris, 2016.
22) Vansina Jan, The Antecedents of Modern Rwanda: The Nyiginya Kingdom, Madison: University of Wisconsin Press, 2004.


RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) REGISTRAR GENERAL